National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

## ITANGAZO RIGENEWE ABANTU BOSE

## KUBURIRA ABANTU BOSE KU BYEREKEYE ABATANGA SERIVISI Z'IMARI BATARABIHEREWE URUHUSHYA– IKIBAZO CYEREKEYE ''HOREBU MICRO INSURANCE Plc''

Twamenye ko hari amasosiyete y'ubucuruzi arimo kwitwara nk'aho atanga serivisi zerekeye ubwishingizi buciriritse kandi atarabiherewe uruhushya na Banki Nkuru y'u Rwanda.

Banki Nkuru y'u Rwanda nk'urwego rugenzura umurimo w'ubwishingizi, iributsa abantu bose ko ubwishingizi ari umurimo igenzura nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 48/2017 ryo kuwa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ndetse n'Itegeko N° 030/2021 ryo ku wa 30/06/2021 rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi.

Ishingiye kandi ku ngingo ya 4 y'Amabwiriza rusange ya Banki Nkuru y'u Rwanda N° 2100 /2018 – 00012 [614] yo ku wa 12/12/2018 agenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi buciriritse igira iti, ''nta muntu wemerewe gukoresha, mu rurimi urwo ari rwo rwose amagambo « ubwishingizi buciririritse » mu izina rya sosiyete ye, izina ry'ubucuruzi rya yo, ikirango cyayo, cyangwa mu iyamamaza rya yo cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose ku buryo cyakwerekana cyangwa kikagaragara nk'ibifitanye isano n'umurimo w'ubwishingizi buciriritse atarabiherewe icyemezo nk'ikigo gikora umurimo w'ubwishingizi buciriritse cyangwa nk'umwishingizi utanga serivisi z'ubwishingizi buciriritse cyangwa umuhuza mu bwishingizi buciriritse''.

Hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza byavuzwe haruguru, Banki Nkuru y'u Rwanda iburiye abantu bose bakorana n'ikigo cy'ubwishingizi buciriritse kitabiherewe uruhushya cyitwa ''HOREBU MICRO INSURANCE PLC''. HOREBU MICRO INSURANCE Plc ntabwo ari ikigo gicuruza ubwishingizi buciriritse cyabiherewe uruhushya. Bityo, umuntu wese ukorana n'iki kigo azirengere ingaruka zabyo.

Abantu bose baributswa gukorana n'ibigo by'imari byabiherewe uruhushya ari byo ibigo by'ubwishingizi, ibigo by'ubwishingizi buciriritse, abahuza mu bwishingizi bigenga, ubwiteganyirize bwa pansiyo, amabanki, abigo by'imari iciriritse, abatanga serivisi zo kwishyurana, ibiro by'ivunjisha n'ibigo by'imari bitanga inguzanyo ariko bitakira amafaranga ya rubanda. Urutonde rw'ibigo by'abatanga serivisi z'imari mwarusanga ku rubuga rwa interineti rwa BNR ari rwo www.bnr.rw

Mukeneye ibindi bisobanuro mwatwandikira kuri info@bnr.rw cyangwa mukaduhamagara kuri telefoni +250788199000.

**Bikorewe i Kigali ku wa 17 Nzeri 2021.**

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri**